
Icyegeranyo cy’
I - 2024

MUTAGATIFU ANNIBALE
Umuhamagaro n’ubutumwa



INYIGISHO

# Yubile y’imyaka ijana y’itaha mu Ijuru rya Mutagatifu Hannibal Maria Di Francia

[ ZAMPERINI Agostino, RCJ]

## Umuhamagaro wa Mutagatifu Annibale: impano yo gusabira imihamagaro, gutahura no kumenya indangabutumwa n’ubutumwa nyirizina

Hannibale Mariya Di Francia, uzwi kandi wiyambazwa nk’Intumwa yo gusabira imihamagaro akaba n’Umubyeyi w’imfubyi n’abakene, yashishikajwe mbere ya byose n’icyo twakita itegeko ryo gusaba ngo Nyagasani yohereze abakozi b’intungane muri Kiliziya ye (Rogate) «abyitangira cyane kubera ishyaka cyangwa intego, cyangwa byombi icyarimwe»[1]. Avuga kubyerekeye imihamagaro kenshi ndetse no ku muhamagaro we bwite. Ushaka gusesengura ibyerekeye umuhamagaro we watangira wibaza uti:

### NI UWUHE MUHAMAGARO?

#### Umuhamagaro nk’umurogasiyonisiti cyangwa umuhamagaro w’ubusaserdoti? Umuhamagaro wo kwitangira abakene cyangwa se umuhamagaro wo gushinga umuryango ?

Muri iyi nyandiko, ndashaka gusesengura iyo mihamagaro uko ari ine mu buryo bukurikirana mu myaka, nkareba kandi niba koko ari imihamagaro itandukanye, cyangwa se niba ari intera cgangwa ibyiciro by’uwo muhamagaro umwe wagiye ukura kandi ukigaragaza uko ibihe byagiye bisimburana.

Iyo dusomye amateka y’ubuzima bwa Hannibale Mariya Di Francia, tubonako mbere na mbere harimo umuhamagaro w’uburogasiyonisiti, icyo dukunze kwita mu ndimi z’amahanga « intuition » tugenekereje mu kinyarwanda ni nk’icyiyumviro cy’itegeko ryo gusaba abakozi beza muri Kiliziya ya (l’intuition du Rogate) yagize mu 1868. Mu kwezi k’Ugushyingo k’umwaka ukurikiyeho w’1869, Hannibal wari ukiri umusore yumvise, mu buryo twavuga ko butari busanzwe rwose, umuhamagaro w’ubusaserdoti. Hagati y’Ukuboza 1877 na Mutarama 1878, Hannibale Mariya wari umudiyakoni icyo gihe, yahuye n’umukene wasabirizaga witwa Francesco Zancone waje kumugeza mu rusissiro rwitwa Avinyone. Hamyuma dushobora guhitamo itariki ya 19 Werurwe 1887 nk’tariki y’umuhamagaro wo gushinga umuryango kuko ari yo tariki umuryango w’ababikira watangiriyeho.

Turareba kuri iyo « mihamagaro » uko ibihe byagiye bisimburana, tugerageze kwerekana isano ishoboka hagati yayo, twita ku buryo bw’umwihariko ku buzima rusange n’ubw’iyobokamana byo mu Butaliyani mu myaka ya 1868-1878, tugaragaza cyane cyane, mu bishoboka, imimerere y’umuhamagaro. Turareka nyir’ubwite ubwe yivugire, tunatege amatwi abakusanyije amabanga ye.

1 B. VITALE, *Il Can. Annibale Maria Di Francia nella vita e nelle opere*, Messina Scuola Tipografica Antoniana, 1939-XVII, p. 759.

## Umuhamagaro w'uburogasiyonisiti (cg wo kuba umurogasiyonisti)

Nyuma y'Ukaristiya ya mbere, bishoboka ko yahawe afite imyaka 10 aho yigaga mu ishuli ry'abasisterisiyani ba Mutagatifu Nikola, urukundo Hannibale yari afitiye Ukaristiya rwarushijeho kwiyongera. Ibyo yabikesheje uruhushya yahawe n'umujyanama we wa roho rwo guhazwa buri munsi. Urukundo uyu musore Di Francia yari afitiye Ukaristiya rwagaragazwaga n'ugusura buri munsi Isakramentu Ritagatifu ryashengererwaga mu gihe cy' « Amasaha mirongo ine » mu kiliziya zitandukanye zo mu mugi wa Messina, ndetse no mu kuyihabwa. Igihe kimwe rero, muri iryo shengerera, afite imyaka 17, nibwo yagize icyo twita « intuition du Rogate » cyangwa tugenekereje mu kinyarwanda ikiyumviro cy'itegeko rya Yezu ryo gusaba ngo haboneke abakozi benshi kandi b'intungane[2].

Dore uko abyivugira mu w'1910, yivuga ubwe, mbese nk'itegeko agira ati: « Umusore, mu ntangiriro y'icyifuzo cye cyo kwiha Imana, mu gihe kandi yari ataramenya ikintu na kimwe kuri ya magambo yo mu Ivanjili Ntagatifu [Mt 9, 37-38], icyo cyifuzo cyari cyiganje mu bitekerezo bye. Ni ukuvuga ko gukorera ibyiza Kiliziya ntagatifu, gukiza roho nyinshi, kogeza hose ingoma y'Imana, nta bundi buryo bwizewe neza butari ukwiyongera kw'abakozi b'Imana batowe, abagabo b'intungane kandi b'intumwa, bijyanye n'Umutima Mutagatifu wa Yezu. Akaba ariyo mpamvu rero, isengesho ryiza kandi rikwiriye ryaba ari ugusaba Umutima Mutagatifu wa Yezu kohereza ku isi abantu b'abatagatifu n'abapadiri batoranijwe, nko mu gihe cya Mutagatifu Dominiko na Mutagatifu Fransisko, mu gihe cya Mutagatifu Inyasi, mu gihe cya Fransisko wa Sales, mu gihe cya mutagatifu Alfonsi n'abandi benshi. Kuri we, iki gitekerezo cyarumvikanaga bidashidikanywaho.

2 Cfr. B. RAMPAZZO, *L'ispirazione del Rogate nel suo 150° anniversario*. Lettera Circolare alla Famiglia del Rogate, Roma 2020.

Uyu musore rero yaratangaye kandi ashimishwa no gusoma mu Ivanjili Ntagatifu aya magambo agira ati: « Imyaka yeze ni myinshi, ariko abakozi ni bake. Nimusabe rero Nyir'imyaka, yohereze abakozi mu murima we (Mt 9, 37-38 ; Lk 10 : 2)»[3].

Nyuma y'imyaka mike, mu 1919, mu ibaruwa yari igenewe abepiskopi, yabibukije ko « Imana yohereza abatagatifu ku isi ». Ubu si uburyo bumwe igaragaza impuhwe zikomeye itanga? Nigute ushobora kuvuga ko uzifite niba utigeze uzisaba? Itegeko rya Yezu Kristu rirasobanutse neza:

"Imyaka yeze ni myinshi ariko abakozi ni bake. Nimusabe rero Nyirimyaka yohereze abakozi mu murima we".

Yakomeje avuga ibyamubayeho: « Hariho rero umuntu wibanze kuri iri tegeko ry'Imana, na mbere yo kurisoma mu Ivanjili, maze atangira umuhamagaro w'ubuzima yibanda kuri iri tegeko[4]».

### *Ibitekerezo bimwe na bimwe*

Inkuru ebyiri zo mu bihe bitandukanye zirasobanutse kandi zirahuje: kubera ineza ya Kiliziya, umukiro wa roho no kwamamaza ingoma y'Imana, ni ngombwa kwiyambaza abantu b'intungane kandi bafite umutima wa gitumwa, batowe n'Imana kandi banyuze Umutima wa Yezu. Iyo babusabye mu isengesho, ubutungane nicyo kita rusange kigomba kuranga intumwa z'Imana ku isi. Umusore wacu rero, kimwe na buri mukristu wese, yemera ko «ntacyo twaronka tudasenze, byose ahubwo tubikesha isengesho, bityo rero isengesho ni ngombwa»[5].

3 A. DI FRANCIA, *Scritti*, Editrice Rogate, Roma 2009, vol. V, p. 702. Di seguito indicato sempre con Vol. Con la numerazione romana (= vol. III) indichiamo i volumi dell'Opera Omnia in corso di pubblicazione, mentre con la numerazione araba (= vol. 3) indichiamo la raccolta dattiloscritta.
4 Vol. 23, p. 38.
5 Vol. 23, p. 38.

Egli intuisce che questa è "ottima e proficua preghiera da preferirsi" alle altre preghiere di domanda perché mira a impetrare uomini e donne della statura di Francesco, Domenico, Ignazio, ecc.

Yagize icyiyumviro ko iri sengesho ari « isengesho risumba ayandi kandi ryera imbuto, rikaba rikwiriye gukundwa » kurusha ayandi masengesho yose asaba, kuko rigamije gusaba abagabo n'abagore bameze nka Fransisiko, Dominiko, Inyasi, n'abandi. Ni icyiyumviro gishingiye ku mateka ya Kiliziya, ariko ikibabaje ni uko iryo sengesho nta gitabo cy'ubuyoboke cyangwa se cy'amasengesho ryabonekagamo, « kabone yewe no muri Filoteya ya Riva»[6]. Mu by'ukuri uyu mutagatifu wacu arangwa no kutwereka icy'ingenzi gikwiriye gusabwa mu isengesho: « abantu b'intungane, b'intumwa, banyuze umutima wa Yezu». Usanga dusaba ubuntu bw'Imana ibintu byinshi ariko nyamara tukibagirwa gusaba intumwa.

Iki « gitekerezo cye » kizasobanuka kandi gishinge imizi nyuma yo gusoma mu Ivanjili ya Yezu adutegeka gusenga dusaba Nyirimyaka ngo yohereze abakozi" (Mt 9, 36-38 ; Lc 10, 1-2).

## *Ibijyanye n'Ukaristiya*

Padiri Annibale ntasobanya iyo yerekana intego isengesho rigomba kurasaho : gusaba intumwa nyinshi kandi z'intungane. Atwibutsa kandi ko icyo gitekerezo yakigize kuva akiri muto, mu ntangiriro y'icyifuzo cye cyo kwiha Imana. Kugirango tumenye neza ahantu n'uburyo yakiriye iyo ngabire ni byiza kumva ubuhamya bw'abo yakinguriye imfuruka z'umutima we.

Padiri Vitale, umwanditsi wa mbere w'amateka ye, ahamya ko muri rusange, « Annibale akiri umusore, ahari na mbere y'uko yambara umwambaro w'abihayimana « yashishikajwe cyane mu masengesho ye, imbere ya Yezu mu Isakramentu Ritagatifu, no guhora asaba Nyagasani ngo yohereze abasaserdoti b'intungane muri Kiliziya kuko yibwiraga ko ari imwe mu ngabire z'ingenzi yari akwiriye guhora asaba adacogora ku bw'agakiza ka roho z'abantu»[7].

Padiri Tusino abisobanura neza kurushaho kuko yerekana uko ibintu byari byifashe ndetse n'ahantu byabereye nk'uko yabyibwiriwe na nyirubwite: « Yari asanzwe afite - mu by'ukuri - umugenzo nyobokamana wo gusura Isakramentu Ritagatifu buri munsi mu ishengerera ry'amasaha mirongo ine  muri kiliziya zitandukanye zo mu mugi; kandi yibutsako umunsi umwe, ubwo yashengereraga, muri kiliziya ya Mutagatifu Yohani w'i Malita, yiyumvisemo bwa mbere igitekerezo cyo kwitangira atizigama isengesho ryo gusaba kugira ngo haboneke abasaserdoti, n'ubwo  kugeza icyo gihe yari ataramenya itegeko ryo mu Ivanjili…»[8].

Hari kandi n'ibindi Padiri Tusino yibuka : « Padiri yatubwiye ko igitekerezo cya mbere cya Rogate, ni ukuvuga isengesho ryo gusaba abapadiri muri Kiliziya ntagatifu, cyaje mu bwenge bwe mu gihe atariyamenya ko ari itegeko riri mu Ivanjili, akiri usore usanzwe w'umulayi, mu mu isengesho ryo gushengerera mu Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Yohani w'i Malita »[9].

Ni muri iyo Kiliziya rero yitiriwe Mutagatifu Yohani w 'Imana (Jean de Dieu) y'i Malta yiyumvisemo bwa mbere uwo muhamagaro, kandi awiyumvamo ari mu isengesho ryo gushengerera Yezu mu Isakaramentu ritagatifu ry'Ukaristiya. Ni ukuvuga ko umuhamagaro we yawiyumvisemo bwa mbere na mbere mu isengesho ryo gusengerera Yezu mu isakaramentu Ritagatifu ry'Ukaristiya, ni aho Imana yamuhereye bwa mbere ubwo butumwa.

(LE LIEU THÉOLOGIQUE DE L'INSPIRATION/INTUITION DU ROGATE)

6 Vol. 52, p. 264; cfr. vol. 15, p. 68; vol. 46, p. 271.

7 B. VITALE, *Il Canonico Annibale Maria di Francia nella vita e nelle opere*, (cit), p. 42

8 T. TUSINO, *L'anima del Padre,* Roma s.d., p. 111.
9 T. TUSINO, *Memorie Biografiche*, vol. I, p. 11.

## *Imibereho yo muri icyo gihe*

Ni byiza kwibuka ko turi mu gihe cy'impinduramatwara kandi ko mu Butaliyani, guhera mu 1868, umubare w'abapadiri waragabanutse cyane kandi ukomeza kugabanuka. Abapadiri batangiye kwivuruguta mu by'isi ndetse na benshi babivamo ku buryo mu majyepfo y'ubutaliyani havugwa nk'icumi ku ijana ndetse hamwe na hamwe bigera Kuri ku ijana babivuyemo.

Ashingiye ku gihe cy'umuhamagaro wa padiri Anibale nk'umurogasiyinisti, dore ibyo padiri Santoro atwibutsa: «yavuze ko gusohoka kw'abapadiri n'abafurere kubera impinduramatwara y'icyo gihe byamuterega umubabaro». Padiri Santoro akomeza avuga ko muri rusange, «yumvaga habuze intungane bityo bigatuma ashima ubutwari bukomeye bw'abatagatifu, cyane cyane abo yabonaga ku mashusho ashushanyije muri za Kiliziya n'ingo z'Abihayimana cyane cyane muri Porto Salvo. Kugira ngo yongere kubyutsa ibi bihe by'iyobokamana riboneye, yatekereje ko isengesho ryonyine aribwo buryo bukwiriye, ndetse yandika n'isengesho risaba abasaserdoti b'intungane. Umunsi umwe yasomye Rogate mu Ivanjili. Atangazwa nuko ntanakimwe mu bitabo byinshi by'ubuyoboke byayivugagaho. Ibyo rero byatumye yumva agomba gukwirakwiza iryo sengesho riri mu Ivanjili»[10].

Muri iyo myaka, uwo musore wababazwaga no gusohoka kw'abapadiri benshi no kubura gufatika kw'intungane, yavumbuye mu ijanjili ko muri Rogate ari ho hari ibanga ry'ukurumbuka kw'abapadiri b'intungane kandi b'intumwa.

---

10 CONGREGATIO PRO CAUSIS SANCTORUM, *Positio super virtutibus*, vol II, Roma 1988, p. 16.

Congregazione dei Rogazionisti del Cuore di Gesù
rcj.org

famiglia del rogate

Istituto Figlie del Divino Zelo
figliedivinozelo.it




## ISENGESHO RYO KWIYAMBAZA
### Mutagatifu Hannibal Maria Di Francia
(Yubile y'imyaka ijana atashye mu Ijuru 1927-2027)

**Mutagatifu Hannibal Maria Di Francia**
Wowe witabanye ubwiyoroshye
umuhamagaro wa Nyagasani,
twebwe abana bawe, twigishe
guha agaciro impano ya Rogate
no kuyibyaza umusaruro buri munsi.
Mu gihe twitegura kwishimira
isabukuru y'imyaka ijana utashye mu Ijuru,
**tukurangamiye** nk'intumwa y'ikirangirire
y'isengesho risaba abakozi beza
kandi benshi muri Kiliziya;
turasaba Nyagasani tukwisunze ngo
yohereze intumwa zicyereye
kwamamaza Inkuru Nziza,
kandi tubifashijwemo na Roho
umwe wakuyoboye,
tubashe gukura mu rukundo
rw'Imana n'urwa mugenzi wacu.
**Turakurangamiye** wowe, ubitewe
n'ikibatsi cy'urukundo rwawe,
wagaburiye abakene n'abatishoboye
umugati w'ubuzima;
Turasaba Nyagasani tukwisunze,
kugira ngo amaturo tumutura
mu buzima bwacu bwa buri
munsi kuri altari ntagatifu
ajyane no kwitangaho igitambo
cy'urukundo rushyitse.
**Turakwisunze wowe** mu
buzima bwawe bwose
wagurumanywemo n'icyifuzo
cyo kugeza abantu bose ku mukiro w'iteka;
Turakwinginze udusabire ubudahemuka
mu muhamagaro wacu
kugira ngo hamwe nawe tuzaronke
igihembo cyasezeranyijwe
abitangira kwamamaza Ivanjili. Amen.

Igikorwa: Secteur Rogate 2024 - RCJ | FDZ
Gukusanya no gushyira mu nyandiko:
P. Reinaldo Leitão, RCJ
Guhindura mu kinyarwanda:
P. Eugène, RCJ